

NOTE

Kigali, le 02/09/1997

INYANDIKO IGENEWE MINISITIRI

Byerekeye:
Umushinga wa Rhénanie-Palatinat

Nyakubahwa Minisitiri,

Nyuma y'ibiganiro twagiranye n'uhagarariye Phénanie-Palatinat hano, twagomba kubashyikiriza ibisobanuro baduhaye.

1. Ku byerekeye gukora ibibuga cyangwa gushyira ibikoresho aho barara, bavuzako badashyigikiye kubikorera kuri Sitade Amahoro. Ngo ni « Sport de haut niveau » ntabwo ari « Sport de masse ». Ni ukuvuga ko batazasana buriya bibuga.
2. Ku byerekeye « Guhugura » twaberetse ko hashobora gukorerwa amahugurwa ariko ugasanga batabishyuhije cyane. Fischer ambwira ko agiye kujyayo ngo akazasaba ahashinzwe Siporo ko bazaza mu kwezi kwa cumi tukabyigira hamwe. Anyunvisha ko ayo mahugurwa yatangira umwaka utaha.

Muri ibyo biganiro wasangaga ko aguma atsimbaraye kuri KAVUMU kuko yambwiye ko ngo mwaba mwaramubwiye ko iriya « Projet » y'abashoferi izamara imyaka ibiri gusa! We rero akumva ko barindira bakayisubirana nyuma y'iyoy myaka.

Ku bwangye rero mbona hari ibintu abantu babiganiriye ho byashoboka:

- Kureba ukuntu iriya centre KAVUMU yakwigishirizwamo imyuga myinshi, hateganywa aho kugirishiriza amahugurwa y'ibyerekeye Siporo. Ndumva bisa n'ibyajyana na secourisme niba igiyemo. Ariko abagize iyo mishinga bakumvikana gute? Ni ibyo kwitondera.
- Ibyo bidashobotse umuntu yashaka ikindi kigo muri za CFJ cyangwa CERAI agashyiramo ibibuga n'ibindi bya ngombwa. Mbona ibyo ari ibyo kujya inama hakaboneka ikigo naho ubundi nta nfashanyo tuzabona muri bariya.

Murakoze.

Umuyobozi wa Siporo

RWIGEMA Paterné

